**Trinity metals**
**Kuwa 06 Kamena 2023**

**Nyakabingo Mine Site**

**Ishami ry'ubuzima n'umutekano**

**Umuyobozi w'ishami: Esperance MANIRAFASHA**

# <u>AMAHUGURWA Y'ABATWARA LOCO (TRAININGS FOR LOCOMOTIVE OPERATORS IN NYAKABINGO MINE SITE)</u>

Amabwiriza agenga ubuzima n'umutekano: GUTWARA LOCOMOTIVE

## INTANGIRIRO

Loco ni imashini yabugenewe igendera ku marayi yifashishwa mu gukurura no gusunika amagoni atwara imyanda ndetse n'imicanga mu mungoti no hanze yawo, bigakorwa hagamijwe kongera ubuzima n'umutekano w'abakozi ndetse no kuzamura umusaruro muri mine ya nyakabingo. Loco itwawe n'umushoferi kandi iyobowe nushinzwe umutekano nibwo ishobora gukora neza inshingano zayo cyangwa kunoza imirimo yayo. Iyi mashini ubusanzwe yemerewe gusunika cyangwa gukurura bagoni esheshatu (6).

Nkuko bigaragara ku ifoto 1 ikurikira, ni loco ikuruye bagoni



*Figure 1: LOCOMOTIVE*

## IBICE BY'INGENZI BYA LOCOMOTIVE

- ✓ Bateri
- ✓ Moteri
- ✓ Igikondo nicyo gihuza bateri na moteri
- ✓ Kontakiteri
- ✓ Boite de Vitesse niyo irimo kontakiteri
- ✓ Ihoni cyangwa inzogera
- ✓ Itara

## ABAYIKORESHA

Locomotive itwarwa n'umushoferi umwe ariko arangajwe imbere nushinzwe umutekano (wagon coordinator)

## IBYATERA LOCOMOTIVE GUKORA IMPANUKA

- Kubura feri
- Kunyerera kw'amapine yayo
- Gufunguka kw'amarayi

- Ubuhaname bw'amarayi
- Kwangirika kw'amarayi(guhetama, gutakaza ibipimo ngenderwaho).

## IBIBAZO BIKOMOKA KURI LOCOMOTIVE

Abayitwara bagira ikibazo cyo guhura n'urujyenuruza rw'abantu mu mungoti.

Dore rero ibibazo itera:

- ✓ Kugonga abantu,
- ✓ Kugonga imipira y'amazi n'umwuka,
- ✓ Kugonga ibitanda, ibi bikabaho cyane iyo itaye cyangwa ivuye ku irayi mu buryo butunguranye, bikaba bishobora gutera impanuka yavamo n'urupfu.
- ✓ Umuriro, locomotive itwarwa na bateri, bivuzeko ishobora gutera inkongi y'umuriro mugihe habayeho icubangana ry'amazi ya bateri yivanze mu nsinga.
- ✓ Iyo loco iguye ishobora guhagarika akazi umunsi wose

- ✓ Inkongi y'umuriro mugihe yacometswe nabi

  **Urugero:**

  1. mugihe icometswe hatabanje kugenzurwa ko muri bateri harimo amazi ahagije.
  2. Mugihe ibikondo bicometse sharijeri ya locomotive ikirimo kwaka.

## UBURYO TWAKWIRINDA IMPANUKA ZIKOMOKA KURI LOKOMOTIVE

- ✓ Guhugura abashoferi basanzwe batwara locomotive nibura rimwe mu mezi atandatu ndetse no guhugura abakozi bashya baje gukora uwo murimo. Bose bamaze guhugurwa bagomba gusinya ko bahuguwe, inyandiko zikabikwa.
- ✓ Ibazwa rizajya ritangwa nyuma y'amahugurwa kugirango harebweko inyigisho yatanzwe yumvikanye.
- ✓ Buri mungoti ugira ibibazo mu marayi byihariye bitandukanye n'ibyiyindi mingoti, bisobanuyeko umushoferi agomba kumenyeshwa ibibazo yahurira nabyo mu nzira y'amarayi abifashijwemo na kapita, ndetse n'ikipe ishinzwe ubuzima n'umutekano mbere yo kujya kuhakorera.
- ✓ Ibikoresho by'ubwirinzi bigomba kwambarwa igihe cyose n'ahantu hose mu mungoti.
- ✓ Kumenyeshwa amabwiriza agenga uko locomotive icomekwa ku muriro. Kuberako iyo bikozwe nabi biyitera gushya.

**INSHINGANO Z'UMUKOZI USHINZWE KUYOBORA UMUSHOFERI WA LOCOMOTIVE**

- ➢ Kumenya uko bambika ingorofani kuri locomotive
- ➢ Kugenzura uko amarayi ameze(imiterere yayo)
- ➢ Kugenda imbere ya loco muri metero nibura cumi n'eshanu mugihe loco irimo Kugenda, kugirango ihagarare mugihe habonetse inkomyi nibura umushoferi agahagarara asizemo intera ya metero icumi hagati n'ushinzwe umutekano.
- ➢ Kureba neza ko imbere haturutse umuntu akaba yamuhagarika
- ➢ Kugenzura nezako ingorofani zifunze neza.

IBIBAZO BIBAZWA ABAHUGUWE(subiza yego cyangwa oya)

1. Ni ikihe muri ibibintu kitari mu bice bugize locomotive
    - Ingofero ikomeye
    - Ihoni cyangwa se inzogera

- Umukandara
- Moteri
- Bateri

2. Ni abantu bangahe bemerewe gutwara locomotive

- Abantu 2 kuko locomotive igira aho gutwarirwa habiri
- Abantu 4
- Umuntu umwe ubyemerewe
- Umuntu umwe ariko uyobowe n'ushinzwe umutekano
- Iritwara

3. Ninde muntu wemerewe gucaginga locomotive

- Abadamu bakora isuku
- Uwo ariwe wese
- Gapita
- Umushoferi uyitwara uzinezako Umuriro washizemo
- Umuyobozi w'ikirombe

4. Mbere yo gucaginga locomotive, ubifite mu nshingano agomba kubanza gusuzuma iki muri ibi bikurikira:

- Ko locomotive yambikanye neza n'amagoni
- Ko nta musaruro wapakiwe hejuru ya bateri
- Ko bateri zirimo amazi ahagije
- Ko aho gucagingwa hazimije
- Ko nta bishishwa by'imineke byatawe hafi aho.

5. Nizihe mpanuka zaterwa na locomotive

- Kuribwa igifu
- Kubura ingingo z'umubiri
- Urupfu
- Gucumbagira
- Kwangirika kw'imipira y'amazi n'umwuka ndetse n'ibitanda.